Repubulika y'u Rwanda
Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu

# IKIGANIRO KIZATANGWA MU KWIBUKA29

# TWIBUKE - TWIYUBAKA

==========================================

## I. INTANGIRIRO

Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994 ifite imizi mu ngengabitekerezo y'urwango yabibwe mu Banyarwanda igihe kinini. Ibi kandi ntibyarangiranye nayo, kugeza n'uyu munsi hari abakomeje gukwirakwiza ingengabitekerezo ya jenoside mu Rwanda, mu karere no mu mahanga. Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko urubyiruko, dufite inshingano zo kwigira ku mateka no kubungabunga ubumwe bw'Abanyarwanda bwo musingi w'ibikorwa byose n'iterambere rirambye.

Igihe cyo Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi ni umwanya wo kugaruka ku mateka yayiteye, gusuzuma aho u Rwanda rugeze rwiyubaka no gufata ingamba zo gukomeza guhangana no gutsinda ibyo aribyo byose bisenya u Rwanda.

## II. UBUMWE BW'ABANYARWANDA MBERE Y'UMWADUKO W'ABAKOLONI

Mbere y'umwaduko w'abakoloni, Abanyarwanda bari bunze ubumwe. Nta na rimwe Abanyarwanda bigeze basubiranamo hagati yabo babitewe n'ibyaje kwitwa amoko y'Abahutu, Abatutsi n'Abatwa. Abanyarwanda bahuzwaga n'ubunyarwanda bibonamo ko bose ari ben Kanyarwanda; ibi byanashimangirwaga n'uko igihe igihugu cyabaga gitewe Abanyarwanda bose bahagurukiraga hamwe, ndetse hakaba n'abakitangira mu nyungu rusange bakagipfira.

Ubumwe bw'Abanyarwanda bwashingirwaga kuri byinshi birimo: **ururimi, umuco, amateka, iyobokamana, umwami bemeraga nk'umuyobozi w'ikirenga kandi w'abanyarwanda bose, imihango, imigenzo n'imiziririzo.** Bari bahuje indangagaciro na kirazira kandi bakazirwanira ishyaka. Indagaciro nyinshi zigirwaga mu Itorero, ari na ryo ryari irerero ry'u Rwanda. Indangagaciro yo gukunda Igihugu no kukirinda yatumaga u Rwanda rukomera kandi rukubahwa mu karere.

## III. ISENYWA RY'UBUMWE BW'ABANYARWANDA

### a. U Rwanda ku butegetsi bwa gikoloni

Ubutegetsi bw'abakoloni bushyirwaho, bwihutiye gusenya inkingi zose z'ubumwe bw'Abanyarwanda bwari bwubakiyeho. Bwihutiye gukuraho ibyahuzaga Abanyarwanda bahereye ku butegetsi bw'Ubwami bwahuzaga Abanyarwanda, bibasira imigenzo ndangamuco yarangaga Abnyarwanda bikubaka Ubunyarwanda bahuriragaho, bahimba amoko (Abatutsi, Abahuti, Abatwa) bigisha Abanyarwanda ko batari bamwe, ko badakomoka hamwe, ko buri bwoko bufite ibiburanga bitandukanye n'iby'ubundi,

amazuru, indeshyo n'ibindi….Bashenye Itorero, bahagarika Umuganura, inzego z'imiyoborere barazisenya kugeza n'aho baca Umwami mu gihugu cye. Babikoze bagamije gucamo Abanyarwanda ibice kugira ngo babone uko babayobora.

Mu mwaka wa 1933 Abakoloni bazanye amoko mu Banyarwanda babinyujije mu gatabo bitaga **"ibuku"**. Ibuku yarimo ibintu bibiri: harimo ijambo "*ubwoko*" ryavugaga neza ubwoko gakondo (Abega, Abasinga, Ababanda, …); hakabamo n'ijambo "*race*" ritari rifite igisobanuro mu kinyarwanda; akaba ari ryo bandikagaho amagambo "*umuhutu*", "*umutwa*", "*umututsi*". Abanyarwanda guhera ubwo ntibongeye kuba umwe ahubwo batangira kurebana mu ndorerwamoo y'ayo moko bitiriwe yabavanguraga kugeza Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 itegurwa ikanashyirwa mu bikorwa.

Mu Rwanda muri 1959 hatangijwe amashyaka ya politike, akomoka ku mashyirahamwe yari yarashinzwe hagati ya 1956 na 1957. Amesnhi ashingwa ashingiye ku cyitwaga amoko. Mu yamenyekanye cyane harimo PARMEHUTU, RADER, APROSOMA na UNAR. Mu gihe UNAR yasabaga ubwigenge bw'u Rwanda ako kanya. Andi mashyaka yo yasabaga demokarasi mbere na mbere, ubwigenge bukazaza nyuma.

Ubutegetsi bw'Ababiligi bwahisemo gushyigikira amashyaka ya APROSOMA na PARMEHUTU yari afite imyumvire n'umurongo wa politiki bishingiye ku ivangura ry'amoko, barwanya ku mugaragaro UNAR yabasabaga ubwigenge. Aya mahitamo yatumye ubu butegetsi bufatanije na Kiliziya Gatolika bushyigikira ingengabitekerezo y'amashyaka yari ashingiye ku bwoko bw'Abahutu basohoye icyo bise "***Manifeste des Bahutu***".

Iyi nyandiko yafataga ibibazo byatejwe n'Abakoloni ikabyegeka ku Batutsi aho yerekanaga ko Abatutsi ari bo nzitizi z'iterambere ry'Abahutu mu nzego zose z'ubuzima, ko ntaho bombi bahuriye, ko nta bwigenge bukenewe, ahubwo ko igikenewe ari ukuvana ubutegetsi mu maboko y'Abatutsi bitaga ba ***Nyamuke*** bukajya mu maboko y'Abahutu bitaga ***Rubanda nyamwinshi.*** Ni muri uwo mwuka utari mwiza u Rwanda rwahawe ubwigenge kuwa 01 Nyakanga 1962.

### b. Ikwirakwizwa ry'ingengabitekerezo ya Jenoside kuri Repubulika ya mbere n'iya kabiri

Ingengabitekerezo y'ivangura yatumye bwa mbere mu 1959 habaho kwica Abatutsi, kubatwikira no kubamenesha mu gihugu. Abasigaye mu Rwanda nabo bakomeza gutotezwa bahezwa mu nzego zitandukanye z'ubuzima bw'igihugu. Ubu bwicanyi n'uku gutoteza Abanyarwanda b'Ababtutsi byategurwaga bikanashyirwa mu bikorwa n'Ubutegetsi bwariho bugakangurira abaturage kwica no gutoteza binyuze mu mbwirwaruhame no mu nyandiko zakwizwaga mu Rwanda no mu mahanga.

Hagati ya 1960 na 1963, ubwicanyi bwarakomeje ndetse bwongera bufata intera ya Jenoside aho i Byumba hishwe Abatutsi barenga ibihumbi bibiri (2000) muri 1962, naho mu 1963 muri Gikongoro, Bugesera, Kibungo, Gitarama, Ruhengeri, Kibuye n'ahandi bufata intera ikomeye cyane hicwa abarenga ibihumbi mirongo itatu na bitanu (35.000) harimo ibihumbi makumyabiri (20.000) bishwe muri Gikongoro yonyine, kandi

amahanga yandika ko ari Jenoside.

Muri iyo myaka, Abatutsi bakomeje gutotezwa no guhungira mu bihugu by'amahanga, ari mu bihugu bihana imbibi n'u Rwanda, cyangwa mu mahanga ya kure.

Uko imyaka yagiye ishira, ingengabitekerezo yo kwanga no gutoteza Abatutsi ni ko yigishwaga igakwirakwizwa. Mu 1973, Abatutsi bari mu mashuri no mu mirimo bongeye kwirukanwa, abarokotse bahungira mu mahanga ndetse bamwe baricwa. Ubutegetsi bwariho bwabeshye ko Abatutsi bari bongeye kuba benshi mu mashuri no mu mirimo, bigisha abaturage ko bikomeje bityo bazongera gusubira ku butegetsi bagakandamiza Abahutu.

Ni muri izo mvururu kuwa 5 Nyakanga 1973 Jenerali Majoro Habyarimana Juvenal yafashe ubutegetsi ahiritse ubwari buri ho, yitwaje ko agiye kurangiza ibihe by'imidugararo byari mu gihugu. Nyamara Ubutegetsi bwe, bwa Repubulika ya kabiri bwakomereje mu murongo wigisha urwango, ivangura n'amacakubiri mu Banyarwanda, kubiba inzangano zishingiye ku moko n'uturere, guheza bamwe mu Banyarwanda mu mashuri, mu mirimo no muri politiki. Politiki y'ikandamizwa ryiswe **iringaniza** irimakazwa.

Impunzi zose z'Abatutsi zameneshejwe mu myaka ya 1959, 1960-1963 na 1973 zabujijwe uburenganzira bwo kugaruka mu gihugu cyazo mu gihe kirenga imyaka 30 kandi zamburwa imitungo yazo. Mu mwaka wa 1975 Habyarimana yashyizeho itegeko rihindura imitungo y'Abatutsi bahunze iya Leta. Iri tegeko ryaje rikurikira iteka rya Kayibanda ryo mu 1966 naryo ryabuzaga impunzi uburenganzira ku gihugu no ku mitungo yazo.

Mu mwaka wa 1982, ubutegetsi bwa Habyarimana bwanze kwakira impunzi z'Abatutsi zirenga 40.000 zirukanwaga n'ubutegetsi bwa Milton Obote muri Uganda bwitwaje ko u Rwanda rwari rwuzuye rutagifite ubushobozi bwo kwakira abandi baturage. Mu mwaka wa 1986, komite nyobozi ya MRND yemeje ko impunzi zihabwa ubwenegihugu n'ibihugu zahungiyemo.

Muri 1987, nyuma yo kubona ko ubutegetsi bwa MRND bwinangiye ku bibazo byose byari bibangamiye itahuka ry'impunzi na demokarasi mu Rwanda, impunzi z'Abanyarwanda zifatanyije n'abandi Banyarwanda baharaniraga impinduka mu gihugu bibumbiye mu muryango FPR-Inkotanyi zanogeje umugambi zifata icyemezo cyo gutaha ku mbaraga zitangiza urugamba rwo kubohora Igihugu ku itariki ya 01 Ukwakira 1990.

### c. Itegurwa rya Jenoside yakorewe Abatutsi nyuma y'uko urugamba rwo kubohora igihugu rutangijwe

Ubwo m'Ukwakira 1990 RPF-Inkotanyi yatangizaga urugamba rwo kubohora igihugu, Leta iyobowe na MRND yitwaje iyi ntambara maze mu gihugu hose ihagurukira gukangurira abaturage ko Umututsi ari umwanzi ukwiye kurwanywa ku mugaragaro. Iri totezwa ryatangiriye ku ifungwa ry'Abatutsi barenga 10000 n'Abahutu batavugaga rumwe n'ubutegetsi bashinjwe kuba ibyitso by'Inkotanyi.

MINISTRY OF NATIONAL UNITY AND CIVIC ENGAGEMENT
REPUBULIKA Y'U RWANDA

Mu mwaka wa 1991, Leta iyobowe na MRND yemeye ishingwa ry'imitwe ya politike mu mpinduramatwara yiswe iya demokarasi isningiye ku mashyaka menshi. Hashinzwe amashyaka menshi (MDR, PSD, PL, PDC, PDI, CDR....)yari arimo ayaje kwiyubakamo amatsinda y'intagondwa z'Abahutu zihurije mu cyiswe "Hutu Power" mu mwaka wa 1993 akwirakwiza mu buryo bweruye urwango rw'Abatutsi. Uwo mwaduko w'amashyaka menshi wazanye n'inkundura y'imbwirwaruhame zakanguriraga Abahutu kwanga Abatutsi babasanisha n'abanzi b'u Rwanda, n'ibyitso bya FPR-Inkotanyi, babashishikariza kubarwanya no kubikiza bapica. Kugira ngo uyu mugambi ushoboke, Leta yari iyobowe na MRND yifashishije by'umwihariko imiyoboro ikurikira:

**Inama na Mitingi**: Inama na mitingi zabaye nyinshi mu gihugu zikoreshwa n'amashyaka ya MRND, CDR, MDR afatanije n'indi mitwe y'intagondwa zari muri "Hutu Power" zikangurira by'umwihariko abarwanashyaka bayo kwanga, kurwanya no kwikiza Umututsi bitaga umwanzi w'igihugu. Muri izi mitingi kandi abazitabiraga bakangurirwaga kwamagana ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'amahoro y'Arusha yari yarashyizweho umukono tariki ya 4 Kanama 1993 agamije kurangiza intambara hagati ya Leta y'u Rwanda na FPR- Inkotanyi. Aya masezerano yateganyaga uburyo Leta n'amashyaka ataravugaga rumwe na yo bazagabana ubutegetsi mu rwego rwo kubaka Demokarasi mu gihugu, Abanyarwanda bose bakongera kubana mu mahoro.

**Ibitangazamakuru:** Kugira ngo umugambi wa Leta ya MRND n'intangondwa zari zifatanyije nayo wo gutsemba Abatutsi no kwikiza Abahutu batavugaga rumwe nayo ugerweho, hifashishijwe umuyoboro w'itangazamakuru kuko ryabashaga kugera kuri benshi bashoboka. Hifashishijwe ibitangazamakuru binyuranye birimo ibya Leta nka Radio rwanda, Imvaho byanyujijwemo imbwirwaruhame n'ubutumwa yaba ubwanditse n'ubw'amajwi bwashishikarizaga Abahutu kwanga, kurwanya no kwikiza Abatutsi. Hadutse kandi n'ibitangazamakuru byigenga bishinzwe n'intagondwa zo mu gatsiko ka "Hutu Power" byarushijwejo gukwiza ingengabitekerezo ya Jenoside no kubiba urwango ku Batutsi harimo Kangura, RTLM, n'ibindi.

**Gutoza urubyiruko ubwicanyi:** Hamwe no gukangurira Abahutu kwanga no kwikiza Abatutsi, Leta ya MRND n'andi mashyaka byari bifatanije mu mugambi wo kwikiza Abatutsi bahaye urubyiruko imyitozo ya gisirikare, ruhabwa imbunda mu byo bise "Defence Civile". Ibi kandi bimwe mu bihugu by'amahanga nk'Ubufransa byabigizemo uruhare. Iyi mitwe yitwaraga gisirikare yahurijwemo urubyiruko mu matsinda y'Interahamwe, Impuzamugambi, Inkuba, Turihose, Amahindure n'indi yaje kwifashishwa mu ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside.

**Ihanurwa ry'indege ya Habyarimana Juvenal:** Intagondwa zari ziyobowe na Col. Bagosora zateguye umuugambi wo kwica Perezida Habyarimana kugira ngo zifate ubutegetsi, ariko bibe n'imbarutso yo gutangiza Jenoside.

### d. Ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside yakorewe Abatutsi

Indege yarimo Perezida w'u Rwanda Habyarimana imaze kurasirwa mu ijoro ryo ku wa 06/04/1994 irashwe n'amasasu yarasiwe mu kigo cya gisirikare cya Kanombe, Jenoside

yari yarateguwe yahise itangira gushyirwa mu bikorwa. Abatutsi barahigwa batangira kwicwa.

Ku itariki ya 9 Mata 1994 i Kigali hashyizweho Guverinoma yiyise iy'Abatabazi yari iyobowe na SINDIKUBWABO Théodore wari Perezida wa Repuburika na KAMBANDA Jean wari Minisitiri w'Intebe. Bafatanyije n'abaminisitiri bose, abayobozi ku nzego za perefegitura, komini kugeza ku rwego rwo hasi bitaga Selire, bashishikarije abaturage gutsemba Abatutsi bose n'undi wese warwanyaga uwo mugambi mubisha.

Ubwo uwo mugambi wa Jenoside watangiraga gushyirwa mu bikorwa, Umuryango Mpuzamahanga aho gutabara Abatutsi bicwaga kanci babizi, wahisemo gucyura ingabo n'abanyagihugu babo babaga mu Rwanda. Abasirikari b'Abafaransa n'ab'Ababiligi baje gutwara abakomoka mu bihugu byabo n'abandi banyamahanga, basiga Abatutsi bonyine mu maboko y'abicanyi.

**Ku ikubitiro hishwe abayobozi bakuru (6-9 Mata 1994) :** mu masaha n'iminsi mike yakurikiye iraswa ry'indege yari itwaye Perezida Habyarimana Juvenal, abari abayobozi batavugaga rumwe na leta barishwe barimo uwari Minisitiri w'Intebe Agathe Uwilingiyimana, uwari Perezida w'Urukiko rushinzwe kurinda Itegeko Nshinga Bwana Kavaruganda Joseph n'abandi banyapolitike b'Abatutsi n'Abahutu batavugaga rumwe na Leta n'umugambi wayo. Ibi byabaye kugira ngo hatagira umunyepolitike cyangwa undi uwari we wese wagira ijambo ryaburizamo umugambi wa Jenoside wari utangiye gushyirwa mu bikorwa. Mu ijoro ryo ku tariki ya 6 Mata 1994, bariyeri zatangiye gushingwa mu mujyi wa Kigali, abantu batangira gusakwa no gusabwa ibyangombwa ari ko Abatutsi batangira kwicwa hirya no hino mu mujyi wa Kigali.

**Hakurikiyeho 'kwica Abatutsi mu Rwanda hose (9 Mata kugeza 2 Gicurasi 1994):** Ubwicanyi bwasakaye mu gihugu hose. Guverinoma yiyise iy'abatabazi ishishikariza abaturage guhaguruka bakarwanya umwanzi ari we Mututsi mu mvugo SINDIKUBWABO Théodore yise **"Gukora"**. Guverinoma yohereje ba Minisitiri muri Perefegitura bavukagamo kuyobora Jenoside. Perezida Sindikubwabo na Minisitiri w'Intebe Kambanda Jean hamwe na ba Minisitiri kanci bazengurutse mu gihugu bareba uko Jenoside ikorwa, banashishikariza kuyihutisha, batanga imbunda n'amasasu mu basilikare no mu Nterahamwe.

Nko muri Perefegitura ya Butare ubwicanyi ntibwabaye kugeza tariki ya 17 Mata ubwo uwari Perefe Habyarimana Jean Baptiste warwanyije umugambi wa Jenoside yicanwe n'umuryango we, maze uwari Perezida Theodore Sindikubwabo uvuka i Butare mu mbwirwaruhame yakoreye i Butare tariki ya 19 Mata 1994 akangurira abaturage kutigira ba **"ntibindeba"** mu mugambi wo gutsemba Abatutsi muri iyo perefegitura abahwiturira guhaguruka bakica Abatutsi.

Tariki ya 18 Mata 1994 kuri stade Gatwaro ku Kibuye uwari Perefe Kayishema Clement yishe Umututsi atanga urugero ku bicanyi kugira ngo bice Abatutsi batazuyaje. Uko ni ko abari bagize guverinoma bakanguriraga abaturage aho bajyaga hose kwica bashyizeho umwete kugira ngo hatagira umwanzi (Umututsi) ucika. Mu gihugu cyose Abatutsi

bahurijwe ahantu hagenwe, mu bigo by'amashuri, muri za stades, muri za kiliziya, n'ahandi bababeshya ko ariho babacungira umutekano, ariko mu by'ukuri, ari ukugira ngo babone uko babicira hamwe.

Abapfuye bishwe urw'agashinyaguro, impinja ntizababariwe, abakuze ndetse na bamwe mu bashakanye badahuje ubwoko ntibatinye kwihekura bica abo babyaranye n'abo babyaye. Abishwe bicishijwe intwaro zo mu bwoko butandukanye (amasasu, amahiri, imihoro, amacumu n'imyambi, amabuye, umuriro, inzara.....).

**Hasorezwa ku guhiga no gutsemba Abatutsi bari bahungiye imusozi (2 Gicurasi kugeza 4 Nyakanga 1994):** muri iki gihe imbaga nyinshi y'Abatutsi yari imaze kwicwa urw'agashinyaguro. Abicanyi bakurikijeho guhiga bukware abari babashije kwihisha haba mu mazu, mu bitaro, mu mashyamba, mu bishanga n'ahandi bari bacitse ubwicanyi bwa mbere bwibasiye abari bahurijwe ahagenwe na leta yateguye uyu mugambi.

Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ni jenoside yahitanye abantu barenga miliyoni kandi yakozwe mu gihe gito cyane cy'iminsi igera ku 100 guhera muri Mata kugeza muri Nyakanga 1994 ubwo yahagarikwaga n'ingabo zahoze ari iza FPR-INKOTANYI zari ziyobowe na Nyakubahwa Perezida wa Repubilika Paul KAGAME.

## IV. GUHAGARIKA JENOSIDE NO KONGERA KUBAKA U RWANDA

Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 imyaka ibaye 29. U Rwanda rwariyubatse. Ingaruka za Jenoside zari nyinshi kandi ziremereye. Abishwe bagombaga gushyingurwa, abarokotse bafite ibikomere bitandukanye bikeneye kwitabwaho mu buryo budasanzwe kandi byihuse, abakoze Jenoside bari mu gihugu bagomgaba gukurikiranwa mu rwego rw'amategeko, hagombaga gukorwa ibindi birimo kubaka ubutegetsi, ubukungu n'inzego z'igihugu no kugarura umutekano w'igihugu wari wugarijwe n'abari barahungiye mu bihugu bihana imbibi n'igihugu kandi bagambiriye kugaruka ku mbaraga bagakomeza umugambi wabo wo gutsemba Abatutsi.

Ku ikubitiro, amahitamo y'Abanyarwanda yabaye ayo kunga ubumwe no guca ibyari byarabatanije mu ndorerwamo y'amoko bakubakira ku Bunyarwanda.

Mu byihutiwe gukorwa harimo gucyura impunzi za kera n'iza vuba, guca amoko mu byangombwa, Ingabo zaravanzwe izahoze ari iza FPR-Inkotanyi zahagaritse Jenoside zivanga n'abahoze muri EX-FAR batashinjwaga Jenoside bishyira hamwe bahinduka igisirikare cy'igihugu.

Hashyizweho inkiko Gacaca zigishaga Ubutabera Bwunga bugafasha imiryango gusubira kubana, impunzi zaracyuwe, igihugu cyongera kwiyubaka.

Abanyarwanda biyemeje kongera kubakira ku bisubizo n'indangagaciro bavoma mu muco wabo bitorera Itegeko Nshinga rishya ryanditswe n'Abanyarwanda rica ivangura iryo ari ryo ryose mu Banyarwanda.

Itorero ry'Igihugu ryaragaruwe rirongera rirubakwa. Hatekerejwe uburyo bwo guhurizamo ibitekerezo by'Abanyarwanda kugira ngo bagire uruhare muri gahunda

z'iterambere ry'Igihugu (Inama y'Igihugu y'Umushyikirano), hashyizweho gahunda zihariye zitandukanye zo kurwanya ubukene ariko zinubaka ubumwe bw'Abanyarwanda (Girinka, Ubudehe), hateguwe hanashyirwa mu bikorwa uburyo na gahunda zo kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi kugira ngo bagire ijambo mu bibagenerwa, abayobozi nabo bashishikarizwa kwegera abaturage no kibashyira ku isonga mu nshingano zabo. Politiki y'Igihugu yashyize imbere gusaranganya ubutegetsi n'inzira y'ibiganiro biganira ku miyoborere n'igenamigambi ribereye Abanyarwanda. Abanyarwanda baba mu mahanga nabo bahawe urubuga bagira uruhare mu iterambere ry'Igihugu (Rwanda Day, na Rwanda Community Abroad), Abaturage bafatanya muri gahunda zitandukanye zo kwibuka no kwomorana ibikomere by'amateka, gufasha imiryango yacitse ku icumu, gusubiza mu buzima busanzwe abahoze ari ingabo, n'ibindi.

Abanyarwanda biyemeje kurwana ku busugire bw'igihugu cyabo, kugira ngo hatagira uwakoma mu nkokora ibyagezweho cyangwa ngo ahirahire atekereza kuba yakora Jenoside ukundi.

### a. Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi 1994

Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yasenye umuryango nyarwanda mu mizi yawo. Si abantu bapfuye gusa, ahubwo hapfuye ubunyarwanda. Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi, nta yandi mahitamo Abanyarwanda bari bafite usibye kwiyemeza kongera kubaka u Rwanda bahereye imuzi.

Kwibuka byabereye u Rwanda igikorwa gisubiza abishwe agaciro bambuwe, gihumuriza abarokotse ndetse n'isoko Abanyarwanda bavomamo imbaraga zo kugera ku ntego bihaye zo kubaka igihugu bifuza.no guhangana n'ingaruka za Jenoside zikibangamiye umuryango nyarwanda.

Umumaro wo kwibuka wagarutsweho na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika ubwo twibukaga Jenoside yakorewe Abatutsi ku nshuro ya 25 aho yagize ati "***Twihaye uburyo bwo gutangira bundi bushya. Nk'Abanyarwanda, duhora twibuka, buri munsi, mu byo dukora byose, kugira ngo tutazigera dutatira igihango cy'amahitamo yacu*".

Ingengabitekerezo ya Jenoside iracyakwirakwizwa n'abasize bahekuye u Rwanda bahungiye mu bihugu byo mu mahanga. Abari mu bihugu by'abaturanyi mu mitwe yitwaje intwaro by'umwihariko mu mutwe wa FDLR utizwa imbaraga na leta ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo; uyu mutwe ukaba ugifite umugambi wo gutera u Rwanda no kongera kworeka imbaga. Abanyarwanda bose bagomba gufatanya kwamagana FDLR n'indi mitwe yasabitswe n'ingengabitekerezo ya Jenoside.

### b. Kurinda ibyagezweho

Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi rero ni inshingano za buri Munyarwanda kandi bizahoraho hagamijwe kwigisha cyane cyane urubyiruko ububi bwa jenoside, ndetse hagamijwe guharanira ko jenoside itazongera kubaho ukundi mu Rwanda.

Kwibuka ni ugushimangira amahitamo yacu nk'Abanyarwanda: Guhitamo guha icyubahiro abishwe bazira uko baremwe, guhitamo kuzirikana amateka mabi u Rwanda

rwaciyemo, no guhitamo kwiyubakira igihugu kibereye Abanyarwanda cyubakiye ku bunyarwanda.

Nyuma y'imyaka 29 Jenoside ihagaritswe, u Rwanda rwariyubatse, bigizwemo uruhare n'abari urubyiruko. Uyu munsi twibuka ku nshuro ya 29 Jenoside yakorewe Abatutsi, urubyiruko rurakangurirwa gufata iya mbere mu kurinda ibyagezweho mu rugendo rwo kubaka Igihugu no guhangana n'abapfobya ndetse n'abahakana amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, tutibagiwe n'abakirangwa n'ingengabitekerezo ya jenoside.

Ihakana n'ipfobya rya Jenoside yakorewe Abatutsi biracyahari kandi bitizwa imbaraga n'ubwiyongere bw'imikoreshereze y'imbuga nkoranyambaga zikoreshwa n'abakwirakwiza iyi gengabitekerezo. Aho baharabika u Rwanda n'ubutegetsi bwarwo, bagahakana Jenoside bayiha ishingiro bagatesha agaciro ibimenyetso bya Jenoside, bakanaharabika Ingabo za RPF Inkotanyi zahagaritse Jenoside yakorewe Abatutsi amahanga arebera.

Dushyize imbere ubumwe bwacu nk'Abanyarwanda, ibimaze kugerwaho ni byinshi kandi byubatse umusingi w'ubudaheranwa. Dukomeze twibuke tudaheranwa n'amateka.

Abanyarwanda by'umwihariko urubyiruko rukwiye kwiga no kumenya amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi kugira ngo birinde icyakongera kuyitera, ndetse banamenye ukuri bashingiraho bavuguruza abayihakana, abayipfobya n'abakomeje gukwirakwiza igengabitekerezo yayo haba mu Rwanda no mu mahanga. Ni ngombwa ko mu miryango, Ababyeyi baganiriza bakabwiza abana babo ukuri ku mateka y'U Rwanda, birinda kuyagoreka no kugendera ku binyoma by'abagifite ingengabitekerezo y'urwango. Bigishe abana babo kwimakaza urukundo rw'igihugu cyabo no guharanira ko Abanyarwanda bakomeza kuba Umwe. Uwo ni wo murage dukomora ku bakurambere kandi dukwiye kubakiraho ubudaherwanwa bw'Abanyarwanda.

Muri iki gihe cyo Kwibuka ku nshuro ya 29 Jenoside yakorewe Abatutsi, dukomeze guha icyubahiro abayizize, dufate mu mugongo abayirokotse. Twimakaze umuco w'amahoro, twamaganire kure ibikorwa byose ndetse n'amagambo yose agaragaramo ingengabitekezo ya jenoside.

**TWIBUKE-TWIYUBAKA**

**TUDAHERANWA N'AMATEKA MABI**

==========================================